KIBUNGO
1741

Buhinjori Samuel
Commune Kayonza
Terr.Kibungu

Nyamirama le 7 Juin 1961

Kwa Bana Administrateur Assistant

Bwana,

Ndabaramukanya icyubahiro,kandi mbamenyesha ibyanjye. Njyewe muli Commune ya Kayonza ndi umukuru wu mutwe wa Unar,none kubera ibyo ndahigwa kwicwa gusenyerwa,maze igihe kinini narătse mu rugo icyakora umugore nabana baracyali murugo urwasigaye,kuko, banteye bagatema urugo bagakura ibikingi by'amarembo mbibonyentyo ndacika ubu ndazerera mu gasozi sinkiba murugo.

Mbandikiye mbamenyesha ibyanjye, kandi mbasaba kumbariza impamvu intera ibyo byago,niba halicyaha mfite muli Commune babandegere mukibone mumpane,cyangwa se bandege no mu Rukiko. Niba ntacyo bampora bandeke nicare amahoro nkabandi baturage bose. Mbibabwiye kugirango nibiba bizabe mubizi.

Bwana Administrateur assistant,mbasabye mbilingiye ko muzandwanaho mukoresheje ububasha mwahawe.

Mubane n'Imana

Buhinjori Samuel